REPUBULIKA Y' U RWANDA

RP 00035/2021/TGI/RSZ

URUKIKO RWISUMBUYE
RWA RUSIZI

**ICYEMEZO N°00024../2021/TGI/RSZ GITEGEKA USHINJWA WATOROTSE UBUTABERA KWITABA URUKIKO.**

Umwaka w'ibihumbi bibiri na makumyabiri na rimwe, umunsi wa 08 w'ukwezi kwa 09;

Twebwe **DUSABIMANA Sylvere,** Umucamanza mu Rukiko Rwisumbuye rwa Rusizi, dufashijwe na GATERA NYAKAGABO Charles, Umwanditsi muri urwo Rukiko;

Tumaze kubona ko Ubushinjacyaha ku rwego Rwisumbuye rwa RUSIZI bwaregeye uru Rukiko uwitwa **NSABIMANA Damascene, icyaha cyo gukubita no gukomeretsa ku bushake** ,icyaha giteganywa kandi kigahanishwa Itegeko n° 68/2018 ryo kuwa 30/08/2018 riteganya ibyaha n'ibihano muri rusange;

Tumaze kubona ko uwitwa **NSABIMANA Damascene** mwene HITIMANA Philippe na NYIRAHORANA Marthe wabarizwaga mu mudugudu wa Bona, Akagari ka Mpumbu, Umurenge wa Bushekeri, Akarere ka Nyamasheke mu Ntara y'Iburengerazuna, ubu akurikiranywe nk'uwihishe cyangwa uwatorotse Ubutabera, kandi ari ngombwa ko uru rubanza ruburanishwa;

Dushingiye ku ngingo za 160-162 z'Itegeko N° 27/2019 ryo kuwa 19/09/2019 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'inshinjabyaha;

Dutegetse ko **NSABIMANA Damascene** agomba kwitaba Urukiko Rwisumbuye rwa Rusizi kuwa **21/12/2021** saa mbiri za mugitondo aho urukiko ruburanishiriza imanza z'inshinjabyaha, atakwitaba bigafatwa ko yasuzuguye amategeko, akaburanishwa adahari;

Dutegetse kandi ko iki cyemezo gitangazwa ku rubuga rw'Urukiko rw'Ikirenga ahagenewe kunyuzwa amatangazo kandi kikamanikwa ku rukiko Rwisumbuye rwa Rusizi nk'urukiko rwategetse iki cyemezo.

Iki cyemezo gitangira gushyirwa mu bikorwa ku munsi cyafashweho.

Bikorewe i Rusizi, ku munsi, ukwezi n'umwaka byavuzwe haruguru.

**DUSABIMANA Sylvere**
**UMUCAMANZA**

**GATERA NYAKAGABO Charles**
**UMWANDITSI**